

REPUBULIKA Y'U RWANDA



URUKIKO RWISUMBUYE RWA

KARONGI

ICYEMEZO GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA.

Umwaka w'ibuhumbi bibiri na cumi na karindwi, umunsi wa ...14....., ukwezi k'Ugushyingo.

Twebwe **KANYARUKIGA Jacques**, umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa KARONGI Dufashijwe na **MANIRARORA Louise** umwanditsi warwo ;

Tumaze kubona ko kuwa **03/08/2017** Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa Karongi bwaregeye uru Rukiko dosiye **00215/IPRL KARO/2017/EM/ANS** buregamo **GAHINDA Aphrodis**, **NGAYABERUYE Jean**, **BAVUGIRIJE Ferdinand**, **GAHIRE Damascene**, **NTEZIRIZAZA Vedaste**, **RAZARO Frodouard** na **NTAWIYANGA Edouard**, icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa umuntu ku bushake bigatera urupfu, dosiye muri uru Rukiko ikandikwa mu gitabo cy'ibirego kuri **RP 00165/2017/TGI/KNG** ;

Tumaze kubona ko uwitwa **GAHIRE Damascene** mwene **MUTUNGIYINKA** na **MUKARUBUGA**, utuye mu Kagali ka **MWENDO**, Umurenge wa **MUKURA**, Akarere ka **RUTSIRO**, Intara y'**Iburengerazuba**, atigeze afatwa ndetse ngo anabazwe ku birebana n'icyaha akurikiranyweho, ahubwo akaba yaratorotse ubutabera.

Tumaze kubona ko **GAHIRE Damascene** adafite aho abarizwa hazwi kandi akaba agomba kuburanishwa.

Dushingiye ku ngingo ya 212 n' iya 213 z'itegeko numero 30/2013 ryo kuwa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha nk'uko ryavuguruwe kandi rikuzuzwa kugeza ubu ;

Dutegetse ko **GAHIRE Damascene** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Karongi kuwa **16/01/2018** saa mbili za mu gitondo aho ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba hagafatwa ko yasuzuguye amategeko.

Dutegetse ko iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru **imvaho nshya** mu gihe cy'iminsi umunanu (8 jours) kandi kikamanikwa ku biro by'Akagali ka **MWENDO**, ku biro by'Umurenge wa **MUKURA** no ku biro by'Akarere ka **RUTSIRO**.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa kuva umunsi cyafashweho.

Bikorewe i Karongi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

KANYARUKIGA Jacques
Umucamanza

MANIRARORA Louise
Umwanditsi